# Mu by'ukuri Allah akunda ko abantu bubahiriza uburenganzira yatanze, nkuko akunda ko bubahiriza amategeko

Hadithi yaturutse kwa Ibun Abas (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: Mu by'ukuri Allah akunda ko abantu bubahiriza uburenganzira yatanze, nkuko akunda ko bubahiriza amategeko."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Ibun Hiban]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) muri iyi Hadithi yavuze ko Allah akunda abashyira mu bikorwa uburenganzira yatanze ku bintu bimwe nk'amategeko yoroheje n'ibikorwa byo kumwiyegereza (Ibadat), no koroheza abarebwa n'amategeko bafite impamvu nko kugabanya umubare wa raka z'iswala, ndetse no kuzifatanya mu gihe umuntu ari ku rugendo; Nkuko akunda abantu bubahiriza amategeko yategetse, kubera ko itegeko rya Allah mu mpushya yatanze n'amategeko yategetse ari rimwe.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/65017

النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee